K0205919

| | | |
|---|---|---|
| ***IDENTIFICATION*** | : | ***RTLM 0294 16/1/94*** |
| ***QUALITÉ*** | : | ***BONNE*** |
| ***DUREE*** | : | ***60 MINUTES*** |
| ***TRANSMISSION*** | : | ***RADIO RTLM (MRND)*** |
| ***NOM DU FICHIER*** | : | ***RTLM0294*** |
| ***DATE DE TRANSCRIPTION*** | : | ***Le 03/01/2001*** |
| ***NOM DU TRANSCRIPTEUR*** | : | ***MUSHONGANONO Béatrice*** |
| ***DICTAPHONE***[R] | : | ***EXPRESS WRITER™ MODELE 2750 SERIE 667436*** |

# RESUME DE LA CASSETTE, RTLM 0294.

## FACE A

*HABYARIMANA Jean :* - La ligne de conduite du MRND.

*HITIMANA Noël :* - Animation.

*HABYARIMANA & Interahamwe :* - Animation sur le MRND.

## FACE B

*KAREMERA Edouard :* - Parle des partis politiques notamment le FPR et PDC qui font partie de l'Impuzamashyaka et qui sont contre le MRND, et il parle des différents politiciens.

*HITIMANA Noël :* - Présentation de monsieur le ministre NTAGERURA André, à la population de Cyangugu.

*NTAGERURA André :* - Adresse ses voeux aux militantes et militants du MRND.
- Encouragement aux adhérents du MRND.

***HABYARIMANA Jean, Président de MRND Kigali-Ville :***

... ubusharire bw'umuravumba n'umubirizi urimo (applaudissement et tambourinement), none ubu iribaza ukuntu izarangiza dose twayigeneye (applaudissement et tambourinement). Ubwo rero byanze bikunze izawunywa iwurangize nimara kuwurangiza izatuza duturane. (applaudissement et tambourinement) Ntimugire ubwoba rero ngo hari icyo izabatwara.

Bwana Prezida wa MRND n'abarwanashyaka bose batari hano bateraniye hano, n'abashyitsi batuzindukiye, sinarangiza ntakubwiye imigambi ya MRND muri PVK. Muri iyi minsi irataha inyangamugayo za MRND muri PVK zizabagezaho inyandiko, inyandiko irimwo ibi bikurikira : Ukuntu abarwanashyaka ba MRND bagomba kumva ku buryo bumwe icyo amahoro n'ubumwe bisobanura.

Icya kabiri : Izabagezaho inyandiko isobanura ukuntu ikibazo cy'Abahutu n'Abatutsi giteye n'ukuntu umurwanashyaka wa MRND yabyifatamo kimwe n'uko ikibazo cy'uturere cy'Abakiga n'Abanyenduga giteye n'ukuntu tugomba kubyifatamo kugira ngo twubake iki gihugu.

Hanyuma ikindi kizaba kiri muri iyo nyandiko ni ukuntu MRND igomba kwivugurura mu mikorere yayo. Ahasigaye rero ibisigaye biravugwa n'Abakuru bacu barankurikira mu magambo. (Chanson: "Umugambi ni umwe Banyarwanda, amahoro ubumwe n'amajyambere, ..."). Murakoze. (applaudissement et tambourinement).

***HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM :***

... Kigali murumva ambiance, ambiance iri kuri Stade régional i Nyamirambo, mwumvise nyine ee Perezida wa MRND hano i Kigali mu mujyi Kigali-PVK, HABYARIMANA, HABYARIMANA mumaze kumwumva aa haa! Nyamara mu kanya, mu kanya turakomeza tubagezaho amagambo yose, yose abera ee hariya kuri Stade régional i Nyamirambo, reka tube twumva ako kazika ndebe ikindi nabagenera. (Chanson: MRND + slogans, par HABYARIMANA Jean, Président du MRND Kigali-Ville).

*HABYARIMANA Jean, Président du MRND Kigali-Ville :*

Murakoze, murakoze barwanashyaka ba MRND, ijambo ndi buze kubagezaho riravunaguye ahubwo njyewe icyo mbagezaho ni amarangamutima kuko ndishimye kubera ko mwaje muri benshi, twese twishime twihe amashyi n'impundu (impundu, applaudissement et tambourinement). Ee na bariya bazungu baje kureba uko tungana baravugaga ngo "MRND" ngo "turi magana atatu gusa" (cris de joie) mwababonye! Abazungu rero nabo tu... turabereka uko tungana nyine, yee na bo babyohereze iwabo Iburaya bamenye ko MRND iriho nyine babandi bavuga ngo turi magana atatu ni akazi kabo. Ngo turi ma... uko mubona turi magana atatu ra? Ngo "MRND" ngo "ntikibaho kuko idasakuza", ngo "MRND" ngo "ntikibaho kuko idatukana", ngo "MRND" ngo "ntikibaho kuko idashotorana". Na bo nibaze birebere.

Barwanashyaka rero ikinshimishije cya mbere ni uko mwaje muri benshi, twaje neza kandi nkaba nifuza yuko tuva na hano twataha mu mutekano, twataha muri... bariya bazungu ra! Bariya bazungu nabo baraza kuza muri MRND! Mubazane mu iri... baze na bo nta kundi byagenda, nta kundi byagenda nyine! (Arasetse) (tambourinement) hein! Ubu nizeye ko babonye ishyaka rizatsinda ko barabyandikira muri Loni. Yee icyo navugaga nyine mu kanya ndumva nyine bimeze neza byose, gusa nagira ngo nyine uyu munsi uko twateraniye hano twashatse gukora iyi mitingi y'agahebuzo kugira ngo abantu bamenye icyo ishyaka MRND ritekereza ku bihe tugezemo muri iki gihe. Muzi ko muri iyi minsi ibihe turimo birakomeye, nkaba nsaba yuko tuva na hano dutaha mu mutuzo cyane cyane ndasaba n'Interahamwe n'abandi bantu bose kugira discipline uyu munsi kugira ngo ibirori byacu birangire neza, birangire neza dufite ishema n'isheja kuko hari abantu bashaka kuja baduharabika, abashaka kuduharabika bose tugomba kubamagana, tugomba kubamagana tukaba inyangamugayo. Ndasaba kandi Interahamwe zose uyu munsi muzi ko izina ry'Interahamwe ryamamaye mu Rwanda ubu ryageze no muri Loni, mu... mwi... mwereke abantu ko ibyo batuvugaho ko atari byo, bazerekane ibimenyetso ko ibyo bavuga ari byo natwe tugomba kubereka ko ibyo bavuga ko atari byo kuko twararezwe.

Interahamwe mwabyumvise? Interahamwe muri mwese?

***Interahamwe :***

Twese...

- Interahamwe muri mwese?

- Turi twese...

- Interahamwe muri mwese?

- Turi twese...

- Nimurambe rero. Maze rero icyo mitingi y'uyu munsi yari igamije, muzi ko ibihe turimo birakomeye, ibihe turimo birugarijwe. Muzi ko twatewe, muzi ko abanyapolitiki aho gukora muri iki gihe aho gukora imishinga ifitiye igihugu akamaro ubu abantu bariho baririrwa baterana amagambo, bariho baracura ibinyoma, amazimwe ngo barakina politike yo mu kirere, politike yo hejuru. Ibyo bintu murabe maso kuko abantu batitaye ku busugire bw'igihugu, ku busugire bwa Repubulika batubahiriza Itegeko nshinga, abo bantu barashaka kutugeza kure. Nkaba rero nagira ngo muze gutega amatwi abayobozi b'ishyaka ibyo baribuze kubabwira ni ingingo zimwe na zimwe zijyana cyane cyane n'ibibazo turimo. Ikibazo cya mbere baribuze kubabwira ni ikijyana no gutinda kw'ishyirwaho kw'inze... z'Inzibacyuho yaguye, muzi ko icyo kibazo kiriho muri iki gihe. Hanyuma ba bandi duhanganye nabo kandi tuzatsinda bakavuga ngo ibyo bintu ngo impamvu Inzego z'ubutegetsi zitajyaho ngo ni ukubera MRND, ngo ni ukubera Perezida HABYARIMANA. Umurwanashyaka wacu sinzi icyo bamushakaho, noneho yaraye ababwiye nizeye ko baritegura (applaudissement et tambourinement). Ibyo bintu byose rero bavuga ni ibinyoma ni uko nyine "nyir'umutwe munini atarengwa n'umujugujugu", none se babishyira kuri nde akabishobora? Twebwe rero iyo bije turabyemera nta cyo bizadutwara kandi bizadusiga uko byadusanze. Ibyo bintu rero muri ibyo by'ishyirwaho ry'Inzibacyuho zaguye, ndaza... muraza kumva sinshaka gutambikira, [sic] Maître KAREMERA Edouard araza kubisobanura n'ubuhanga bwinshi muzamutege amatwi mwumve

ukuntu ari bubivuge.

Ikindi nagira ngo mbabwire haraza gukurikiraho ibintu bijyana na za discours zikomeye ariko zitagira icyo zivuga zimaze iminsi zivugwa na wa Mutegarugori ushinzwe kuyobora Guverinoma yavuyeho. (Tambourinement) ee uwo mutegarugori rero muzi muri iyi minsi yashize yavuze ibintu byinshi ndetse Abategarugori bamugiriye n'indi nama, bamugirira akabanga bamugira inama aho kuzikurikiza aravuga ati "izo ni impundu zanjye ni ko bigenda" arabyemera na we ibyo bintu turabisaba Ministre NTAGERURA bahora bahanganye mu Nama ya Leta aze kubibasobanurira by'imvaho. (Cris de joie).

Ikindi nagira ngo mbabwire, ubwo ndi kubihina kugira ngo nyine abo bandi bazabirambure kuko none se, muraza kumva icyo ishyaka ryacu ritekereza ku bibazo by'umutekano, ritekereza ku bwiyunge bw'Abanyarwanda, rinatekereza ndetse uburyo icyo ritekereza ku buryo amashyaka agomba kwitwara mu bihe bizaza. Ibyo rero murumva ni ibibazo bikomeye ndetse na bariya bazungu bo muri Loni baje bavuga, Umuyobozi w'ishyaka ryacu... Prezida w'ishyaka ryacu Matayo NGIRUMPATSE, araza kubibabwira ku buryo burambuye mu kinyarwanda cyiza ku buryo abo abibwira barabyumva kandi n'iyo abakomerekeje ntibababara. Muraza rero kumwumva njyewe nagira ngo mpinire aha ngaha kuko ndi muto abo ngabo nyine baraza kubivuga neza. Murakoze murakarama. (Tambourinement...). (musique).

***HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM :***

... muti kuki Noheli ku iki cyumweru wowe saa sita utagiye imuhira ngo ujye kuruhuka kandi ubundi mwaratumenyereje ko mujya muhagarika programu zanyu ku cyumweru hum saa sita? Oya uyu munsi twababwiye ko hari programu spécial, spécial kubera ko ishyaka MRND ryabyifuje (inaudible) twebwe ntimugire ngo hari ukundi bimeze iyo umuntu atwiyambaje akavuga ati nimuze dukore n'iyo wadu... wadukoresha umunsi wose twakora. Muti muzadukorere tugomba kubakorera rwose nibashaka rwose turagera na nimugoroba tudahagaritse ariko kandi tubagezeho ibyo MRND hum ibirori byabo, amagambo barimo bavugira kuri stade ukuntu mbese birimo bigenda tubashyiriraho n'umuziki ushyushye umuzika mwiza umuzika wanyu kuri iyi week end mwizihirwe hum, numvise

abavuze bose kuri stade bavuga bati "Umwaka mushya muhire, Umwaka mwiza mwese muwugire", amadisikuru abiri ya mbere yamanje kuvugwa nayabagejejeho mwayumvise ariko bakomeje, hakomeje amadisikuru hakomeje disikuru ya KAREMERA, KAREMERA ba...kunda kumwita ngo "Rukusanya" uriya Premier vice-président wa MRND akaba umunyakibuye, na we nyine yavuze disikuru mugiye kumva muri aka kanya, iyo disikuru ye yari ikubiyemo ibintu byinshi bishimishije ndetse irimo no gushimira BIKINDI, BIKINDI muramuzi haa! N'Inkotanyi ziramuzi n'abasirikare bose baramuzi, hum BIKINDI baramuzi rwose afite inganzo, inganzo idakama, ikaze hum! Abarwanashyaka bose ba MRND baramukunda yari ahari n'Irindiro itorero rye bari bahari, bashimye NGIRUMPATSE Matayo hum cyane cyane hari ijambo NGIRUMPATSE yakomeje kuvuga ngo "n'oublis jamais" iryo jambo rwose abantu bari bari aho bariyobotse bati "n'oublis jamais" haa! Ngo n'oublis jamais Inkotanyi ziriho zumva Radiyo RTLM abatazi igifaransa babasobanurire ngo n'oublis jamais huum. Bati amatora ni yo dutegereje abazaza batsindwa bazatsindwa, abatsinda bazatsinda idemokarasi dushaka tuzayigeraho mpaka, mpaka. Uzavuga ngo ntidushaka demokarasi azabaze abazungu babidutoje, azabaze n'ukuntu Umwami yegamiye akemera ko iby'ubwami bivuyeho, ni demukarasi, nyine. Iyo demukarasi rero tuzayijyamo.

Ntabatindiye nababwira ko MUGENZI Yusitini nyuma y'uko ee Ministre uu w'Amaposita n'itumanaho nawe wafashe ijambo nyuma y'uko yavuze nabwo muri...muze kumwumva, muribuze kumwumva mu kanya, MUGENZI Yusitini ijambo yavugiye kuri stade ni ijambo kaminuza muraryumva. Ni kaminuza muribuze kuryumva mu kanya ariko reka tubanze twumve KAREMERA na nyuma uwaje gushosha ibi... gusoza ibirori nyirabyo nyine wa... wabiteganije wabiteguye ni NGIRUMPATSE Matayo na we ni we uza kuza gusoza atubwira nyine iby'uyu munsi uko atekereza poli...politike ye muri iki gihe hein areba kure. Muribuze kumva ukuntu areba kure n'ibyo atekereza. Tubanzirize kuri KAREMERA hum Premier vice-président w'ishyaka MRND ababwire.

***KAREMERA Edouard, premier vice-président du parti MRND :***

Barwanashyaka ba Muvoma iharanira Repubulika demokarasi n'amajyambere ya rubanda, bavandimwe muhagarariye amashyaka y'inshuti muri ibi birori by'ishyaka ry'ubumwe n'amahoro.

Nterahamwe rubyiruko rwa Muvoma, ndabaramukije mu ndamutso ya Muvoma yacu, mugire ubumwe, mugire amahoro byo nkingi y'amajyambere. (Cris de joie).

Kwinjira hano barwanashyaka nari nagize impungenge kuko mu kabyutso k'ejo bari batubwiye ko irindiro rizaba rihari. Twinjira rero nari ntabonye Irindiro ntangira kugira impungenge ariko mu mwanya Irindiro rinyibukije... Irindiro barwanashyaka rinyibukije ubuhanga bwa BIKINDI, ritumye nibuka ya ndirimbo ivuga imihigo y'ingabo z'u Gwanda [sic]. Binyibukije kandi na ya ndirimbo iririmbye neza mu magambo anoze yatondetswe n'umuhanga, ya ndirimbo BIKINDI yise "Mbwira abumva" ariko abafana bo bakayita "Nanga Abahutu". (cris de joie).

Barwanashyaka bavandimwe ndagira ngo mbafashe... mbasabe mumfashe... mumfashe dushimire BIKINDI Simoni inkunga ikomeye, inkunga ikomeye atera Abanyarwanda ariko cyane cyane ku buryo bw'umwihariko inkunga atera abarwanashyaka ba MRND mu mpanuro nyinshi kandi zifite ireme. Nimumfase tumushimire. (Applaudissement...)

Nagira ngo kandi mumfashe dushimire umusizi w'umuhanga akaba na Perezida w'ishyaka ryanyu NGIRUMPATSE Matayo (Applaudissement...). Nagira ngo mumfashe tumushimire twibuka ijambo yavugiye aha ngaha kuri iyi stade umwaka ushize mu kwezi kwa kabiri gushira igihe yavugaga ati "n'oubliez jamais"! Igihe Matayo NGIRUMPATSE yavugaga ati "ntimuzibagirwe, ntimuzibagirwe, ntimuzibagirwe barwanashyaka". Ntimuzibagirwe rero icyo gihe NGIRUMPATSE yabivugaga avuga amatora ati "umunsi w'amatora nugera bariya baduhemukiye muzabahanire mu bwiherero. (Applaudissement...). Ntimukibagirwe rero iyo mpanuro y'Umukuru w'ishyaka ryacu umurwanashyaka NGIRUMPATSE Matayo, ndabizi n'umu... n'ubundi mu mwanya araza kubahanura. Ariko rero murabizi nyine icyo gihe yavugaga ati "ntimuzibagirwe", twari tuzi ko amatora azaba vuba ariko na n'ubu twarategereje amaso yaheze mu nzira. Amatora ariko byanze biku... byanze bikunze barwanashyaka amatora azaba. Amatora azaza maze abatsindwa batsindwe, abatsinda dutsinde maze (Applaudissement...) barwanashyaka abatsinda dutsinde maze twongere turirimbe ya ndirimbo yacu nagira ngo twiyibutse turirimbe tuvuga tuti "Umugambi ni umwe

Banyarwanda, amahoro ubumwe n'amajyambere, MRND yacu nziza sugira maze usagambe mu Rwanda". Tuzongera turirimbe rero Umugambi ni umwe, tuzongera turirimbe tuti "HABYARIMA ni Ikinani cyaniye abagome n'abagambanyi, ntatera aratabara, ntateranya arunga". (Applaudissement...). Nagira ngo rero barwanashyaka ndabizi ntimuzibagirwa, ntimuzibagirwe intego ya Muvoma : Ubumwe, amahoro amajyambere. Mpagurukijwe no kugira ngo mbabwire impamvu yatumye Inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zidindira na n'ubu zikaba zitarajyaho. Maze rero mu rwego rwo kwibukiranya barwanashyaka, ndagira ngo mbanze mbibutse urwandiko abagabo bakora politike yo mu rwego rwo hejuru bandikiye Yusitini MUGENZI, Perezida wa PL hari ku itariki, hari ku itariki yaa... ya cyenda z'ukwezi... kwa cumi n'abiri muri uyu mwaka ushize wa mirongo cyenda na gatatu. Iyo barwa rero iravuga ngo iri mu gifaransa ariko no mu kinyarwanda nayishyiramo, ariko kugira ngo batavuga ngo nabavugiye ibyo batanditse murankundira mbasomere amabango amwe ari muri iyo barwa mu gifaransa maze nkomeze. Baranditse rero abo ni ba... TWAGIRAMUNGU Perezida wa MDR-Rukokoma, ni ba NZAMURAMBAHO, ni ba NAYINZIRA Népomuscène. Baranditse ku itariki ya cyenda z'ukwezi kwa cumi n'abiri umwaka ushize bagira bati :

"Position des partis MDR, PSD et PDC sur la crise dans le PL.
Monsieur le président, il vous souviendra en date du 16 novembre 1993, les partis politiques MDR, PSD, PDC et PL ont constaté la crise grave qui a secoué les partis MDR et PL. Dès lors, se fondant sur leur entente traditionelle et leur collaboration habituelle en tant que forces démocratique pour le changement, et soucieux de sauvegarder la paix dans le pays par la mise sur pied d'un comité de trois personnes chargées de leur faire le point sur la source réelle de la crise et de leur faire des propositions de solutions. Les partis MDR, PSD et PDC après avoir reçu le rapport du dit comité constatent qu'en ce qui concerne le PL, le contact que n'a pu se faire qu'avec un seul de deux groupes en conflit. En effet, le groupe dont vous êtes vous même le... le porte-parole a refusé obstinément le dialogue malgré votre propre déclaration lors de votre participation à la décision du 16 novembre 1993, et le rappel amical et fraternel que vous ont adressé à cette occasion vos collègues sur la responsabilité que vous portez dans l'unité de votre parti en votre qualité de président".

La suite je vous en dispense kugira ngo ngere aho nashatse kugera. Aho nashatse kugera rero ni ibiri ku rupapuro rwa kabiri nabarangiye urwo rwandiko ni ho nagira ngo mbasomere. Baravuze rero bati: "Vous comprendrez dès lors Monsieur le président que nos partis ne sauraient cautionner, une une telle situation qui est contraire, contraire à l'esprit de l'Accord de paix d'Arusha. C'est pourquoi tout en respectant le principe de la non ingérence dans la gestion de votre parti mais comme il est dit plus haut, mu par le souci de la mise en application intégrale de l'Accord de l'accord de paix en vue de sauvegarder la paix et l'unité de notre pays si gravement éprouvé, les partis politiques MDR, PSD et PDC ont l'honneur de porter à votre connaissance leur ferme positions suivante :

Primo : Le congrès national tenu le 13, le 13 et 14 novembre 1993 est certes une indication politique mais ne peut être juridiquement soutenu... ne peut être juridiquement soutenu parce qu'il n'a pas de l'avis de nos partis respecté les articles 37 et 65 des statuts du parti libéral.

Deuxièmement : Le congrès en voie d'organisation pour les 11 et 12 décembre 1993 ne pourrait non plus être soutenu compte tenu de son caractère artificiel. À ce sujet nos partis vous proposent de surseoir à l'organisation de ce congrès jusqu'à ce qu'il y ait un climat plus serein dans votre parti.

Troisièmement : Les partis MDR, PSD et PDC estiment que les députés élus avant le 37ème jour prévu pour la mise en place des institutions de la transition à base élargie sont les seules acceptables d'autant plus que leurs éle... leur élection s'est déroulée conformément aux instructions du parti et que vous même monsieur le président, vous avez supervisé les élections dans votre région d'origine.

Quatrièmement : Les partis MDR, PSD et PDC tiennent absolument, et je voudrais insister sur ce quatrièmement. Les partis MDR, PSD, PDC tiennent absolument à l'équilibre des forces politiques du pays devant participer aux institutions de la transition à base élargie tel qu'il a été constitué par l'accord d'Arusha. Il profite de l'occasion pour rappeler à votre bonne attention que le code d'ethique politique que votre parti a signé à Arusha doit être respecté dans son intégralité.

En conclusion nos partis vous invitent une fois de plus au dialogue qui est la seule voie de la bonne

entente et partant de la paix durable".

Barwanashyaka bavandimwe, mu magambo akusanyije make uru rwandiko, uru rwandiko rwanditswe na TWAGIRAMUNGU alias Rukokoma na NAYINZIRA alias Nayinzara,(applaudissement...) na NZAMURAMBAHO Perezida watowe ari candidat unique muri PSD, icyo rwari rugamije ni iterabwoba ariko kubera ko MUGENZI ari igihangange yaberetse igihandure, (cri de joie) ababwira ko adakorera ku bwoba ababwira kandi ko Parti libéral ari ishyaka ryigenga ryatanze amategeko arigenga rikaba ryemewe, ko rifite rero uburenganzira bwo gushishoza. Nagira ngo mumfashe dushimire MUGENZI waje no kudushyigikira muri iyi mitingi (cris de joie).

Nyirabayazana rero barwanashyaka, Nyirabayazana we impamvu Inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zitarajyaho iri Arusha. Iri Arusha kubera politiki abavugiraga ariko NGURINZIRA yavugaga ko avugira Guverinoma y'u Rwanda da! Nari ngiye kuvuga ko imibare yakorewe Arusha igakorwa na NGURINZIRA w'umuhanga mu mahamba, igakorwa na BIZIMUNGU wazobereye mu gucanga ingingo z'amategeko ariko cyane cyane mu gucabiranya, iyo mibare yakorewe Arusha bayikoze nabi, bayikoze nabi none ni yo ibagarutse. Uko rero ibintu byari byifashe ku itariki ya cyenda Mutarama umwaka ushize igihe bateraga imirwi imyanya muri Guverinoma no mu Nteko ishinga amategeko yaguye, ibyo bintu ntabwo ariko bikimeze ahubwo byarahindutse, ariko se byari bimeze bite? Icyo gihe barwanashyaka uko ibintu byari bimeze murabyiruka... murabyibuka hariho Impuzamashyaka yari igizwe n'amashyaka MDR, PSD na PL. Iyo Mpuzamashyaka rero NGURINZIRA yari yayigeneye imyanya mutayobewe, imyanya icumi muri Guverinoma n'imyanya mirongo itatu n'itatu...

**Fin de la face A.**

**FACE B**

***KAREMERA Edouard, premier vice-président du parti MRND :***

... muri mirongo cyenda na kabiri Impuzamashyaka muzi ko yahuriraga na FPR n'i Bujumbura ndetse bahuriye n'i Dar-es-salaam. Iyo wongeye rero ku iriya myanya NGURINZIRA yari yahaye Impuzamashyaka ishyaka rye ririmo ukongeraho imyanya ya FPR ndetse ukongeraho n'umwanya wa PDC kuko kuva bahurira i Bujumbura PDC na yo yinjiye mu Mpuzamashyaka hamwe na FPR, imyanya yari ifashe... yari yifashe neza ari na cyo cyatumye KANYARENGWE asinya ku itariki ya kane z'ukwezi kwa munani muri mirongo cyenda na gatatu. Impuzamashyaka rero hamwe na FPR bari bafite imyanya cumi n'itanu muri Guverinoma, bafite imyanya mirongo ine n'itanu mu... mu... mu Nteko ishunga amategeko y'Inzibacyuho naho MRND yo bari bayisigiye imyanya itanu muri Guverinoma n'imyanya cumi n'umwe mu Nteko ishinga amategeko. Andi mashyaka kandi muzi ko ari menshi n'ubwo ari mato ni cumi na rimwe yari afite zeru muri Guverinoma akagira n'imyanya cumi n'umwe mu Nteko ishinga amategeko. Ngicyo icyatumye rero ku itariki ya munani KANYARENGWE asinya nta mususu kuko yari yizeye imibare yakozwe na NGURINZIRA w'umuhanga mu mahamba na BIZIMUNGU w'umuhanga mu gucabiranya.

Hagati aho ariko ibintu byaje guhinduka amakorosi ya politiki, umuvuduko ukaze ugendwa n'abafite imodoka nzima ifite za vitesi waje gutuma bamwe batakara abandi bahindura direction kubera gushishoza. Impuzamashyaka rero (applaudissement) Impuzamashyaka yarasibanganye bikomotse ku magambo ya bamwe ndashaka kwiririwa nsubiramo ariko nabibutsa nzi ko mutayibagiwe, hari abavugaga "iby'udusamunyiga" hari n'abavugaga "iby'akaboko karekare" ndetse hari n'abavugaga "funga kimya [sic]". Ngibyo rero ibyatumye Impuzamashyaka isenyuka ubu NZAMURAMBAHO, TWAGIRAMUNGU, NDASINGWA na Nayinzara bakaba "bahomera iyonkeje", "barahomera iyonkeje", mbega bameze "nka ya ndondogozi y'ikirondwe yasigaye ku mwite inka yarariwe kera". (applaudissement). Ubu ngubu rero uko imibare yifashe nagira ngo mbibabwire musobanukirwe mumenye impamvu ziriya Nzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zitarajyaho. Impuzamashyaka isigaranye imyanya ine ku icumi yari ifite igihe amasezerano yashyirwagaho umukono. Isigaranye

kandi imyanya cumi n'irindwi kuri mirongo ine n'ine yabaraga igihe (applaudissement), amasezerano yashyirwagaho umukono. Iyo myanya, iyo myanya irazwi. MDR mu Mpuzamashyaka isigaranyemo umwanya umwe Rukokoma yashimuse wa Ministre w'Intebe. PL ntabwo ikiri mu Mpuzamashyaka kandi yaranangiye kubaha umwanya n'umwe (applaudissement). PSD iracyatsimbaraye ku mateme n'imihanda no gukoresha amafaranga mu gutwikisha amashyamba nyuma igatanga ayo kuyatera, iracyafite na Ministeri y'Imari imyanya yayo itatu rero iracyayatsimbarayeho. Na PDC NAYINZIRA yayishoye mu Mpuzamashyaka itakiriho ariko ndakeka impamvu nza kuyibabwira mu mwanya. Iyo wongeyeho rero na ya myanya itanu ya FPR barateranya bakagera ku icumi ariko nk'uko mubizi iyo mibare nta wutayizi icumi ni byo bike kuri cumi na gatanu.

Muri Guverinoma rero ubu basigaranye imyanya icumi iyo bateranije bagasanga itazatuma bagera kubyo bari bagamije bya bindi byo gufata ibyemezo by'igitugu binyuze muri bibiri bya gatatu. Naho mu Nteko ishinga amategeko ku myanya babaraga mirongo ine n'itanu basigaranye imyanya cumi n'irindwi, basigaranye imyanya cumi n'irindwi, imyanya cumi n'irindwi iyo ufashe abadepite batandatu biyitirira ko barangaje inyuma ya Rukokoma ukongeraho zeru kuko Landuwaridi atatumiwe, (rires et applaudissement), ukongeraho, ukongeraho ukongeraho cumi n'imwe yaa PSD ukongeraho n'ine ya NAYINZIRA biba imyanya makumyabiri n'umwe. Wakongeraho cumi n'umwe ya FPR ubwo imibare namwe murayibona. Na none rero ibyo bateganyaga kugeraho muri ya ngingo ya cumi n'imwe ee y'amasezerano areba ibibazo binyuranye ngo yo kuzirukana Perezida HABYARIMANA bakoresheje Inteko, iyo bateranyije na yo iyo myanya basanga iriya mibare yarakozwe na NGURINZIRA w'umuhanga mu mahamba.

Imyanya rero yindi murabizi MRND yo iracyafite imyanya itanu ikagira n'imyanya cumi n'umwe mu Nteko. MDR-power irafite imyanya yayo itatu igomba ku... kwegurirwa muri Guverinoma (cris de joie) ikagira... ikagira n'abadepite b'inyangamugayo ba MDR-power batanu (cris de joie). Naho PL ya MUGENZI yo ihagaze neza mu cyimbo (cris de joie) imyanya itatu muri Guverinoma n'imyanya cumi n'umwe mu Nteko ishinga amategeko (cris de joie) y'Inzibacyuho Yaguye. Ayandi mashyaka barwanashyaka aracyafite zeru muri Guverinoma y'Inzibacyuho Yaguye, afite icyenda mu Nteko

ishinga amategeko yaguye kubera ko ubujura bwa GASANA Anastazi Ministre w'Ububanyi n'amahanga bwatumye CDR-Impuzamugambi badashyira umukono ku masezerano ngo bafate umwanya bahabwa n'amasezerano y'Arusha.

***Intervenants:***

Izajyamo! Izajyamo...

- Hari kandi na Parti démocrate na yo ifite uburenganzira ku mwanya wayo. Nta shiti rero buriya amaherezo GASANA azava ku izima CDR-Impuzamugambi zizahabwa ibyo zifitiye uburenganzira (cris de joie). Iryo hinduka ry'imibare rero ni ryo ryatumye FPR-Inkotanyi na PSD banga kuza kurahira ku itariki ya gatanu Mutarama uyu mwaka. Ibyo mvuga ni byo kuko Rukokoma nta ho yari guhera yanga kuza, naho Lando we uriya NDASINGWA Landuwaridi murabizi nta n'ubwo yari yatumiwe ntabwo rero yagombaga kuza (applaudissement).

Kwanga kuza kwa Madamu UWIRINGIYIMANA Agata cyangwa KAVARUGANDA Yozefu byo nta cyo byari bitwaye kuko bari abatumirwa b'indorerezi (applaudissements). Ababeshya rubanda rero ngo "hari za blocs" ngo "hari blocs ebyiri zishyamiranye" barajijisha cyangwa baritiranya ibyifuzo byabo n'imibare ivanzemwo ubuswa muri politiki yakorewe Arusha mu kwezi kwa... Mutarama umwaka ushize. Ikigaragara ni uko hari ishyaka, ishyaka PSD hakaba na FPR-Inkotanyi bigitsimbaraye kuri ya Mpuzamashyaka yabaye nyakwigendera.

TWARIRAMUNGU Rukokoma wateshejwe umurongo agateshwa umutwe na MDR yashimuse umwanya akaba akomeje kwihoma kuri FPR na PSD ngo arebe ko yashobora gushyiraho Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye. NDASINGWA Landuwari na we akomeje kwihoma kuri PSD na FPR ngo izamutoreshe abe Visi-perezida w'Inteko ishinga amategeko y'Inzibacyuho yaguye kuko kuba Perezida byo yabyeguriye NGANGO umwe uhora ajijisha mu by'amategeko kandi twari tumuziho ubuhanga. Nayinzara rero we ibye sinabitindaho murabizi akurikiye Rukokoma kugira ngo atazamusiba atabaye Ministre w'Ibidukikije. Ngiyo barwanashyaka, ngiyo intandaro y'akaga turimo,

ngabo ababujije Inzego z'Inzibacyuho kujyaho baharanira inyungu zabo bwite.

Abandi babafasha kubera guharanira imyanya ni Madamu UWIRINGIYIMANA Agata ukomeje guhangayikishwa na bya bindi Alegisi yajyaga yita ejo nzamerante. KAVARUGANDA we murabizi nta cyo abuze uretse ikuzo. KAVARUGANDA rero na we arashakishiriza amajwi muri FPR yo kuzaba Perezida w'Urukiko rw'ikirenga kuko mu bacamanza ho mubizi nta majwi yabona n'ikimenyimenyi umwaka ushize igihe igihe batoraga abazahagararira bagenzi babo mu na... mu nama Nkuru y'ubucamanza, KAVARUGANDA yabonye ijwi rimwe gusa, ijwi rimwe gusa ijwi rya KAVARUGANDA (cris de joie et applaudissement).

Byaba ari ukujijisha rero barwanashyaka abantu bakomeje kubeshya rubanda ngo MDR-power, ngo CDR-Impuzamugambi, ngo PL irangajwe imbere na Perezida MUGENZI cyangwa se ariya mashyaka yo bashaka gupfobya ngo bariya bantu bose ngo barakorera mu kwaha kwa MRND ishyaka ry'ubumwe , amahoro n'amajyambere. Kwaba ari ukujijisha, kwaba ari no gusuzugura abarwanashyaka bihitiyemo ku bwende bwabo kuyoboka ayo mashya yose. Ntabwo rero MRND hari icyo ipfa n'abashyigikiye ibitekerezo byiza ifite, ariko rero MRND ntabwo igamije kwigarurira ayandi mashyaka. Ayo mashyaka rero nacyahe abayapfobya bavuga ngo "ari mu kwaha kwa MRND". Ubwo ahari yenda mu batumirwa dufite hano ntihaza kubura uba... ntihaza kubura ubabwira icyo atekereza kuri uko gupfobya amashyaka yigenga afite ingufu nka MDR-power, nka PL-power, nka CDR-Impuzamugambi (cris et applaudissement).

Usibye rero kujijisha no kwanga kwemera ko imitwe yatekewe Arusha na Ngurishe...NGURINZIRA, na BIZIMUNGU ko umutwe batekeye Arusha wapfubye, nta mpamvu igaragara yabuza ko Inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zijyaho. PSD na FPR nibareke kwivanga mu bibazo bya PL naho TWAGIRAMUNGU Rukokoma yemere ko MDR atari akarima ke we na Agata ejo nzamera nte na RUCOGOZA bavugirije, maze murebe ko (cris et applaudissement) maze murebe ko ibintu bidasubira mu nzira nziza maze Inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho zikajyaho.

Uko tubyumva kandi iyo nkuru izabe impamo, uko tubyumva ngo baba bari hafi kunywa wa muti HABYARIMANA Prezida wa MRND muri PVK yababwiye, ngo baba bari hafi kunywa wa muti ndetse babitewe n'uko KAVARUGANDA yikanze intumwa zavuye (inaudible) ho muri Tare zikamwumvisha ko ibyo arimo nta ho bizamugeza none ngo akaba atangiye gutinya no gutitira ndetse akaba yarababwiye ko biriya bintu yumva atazabishobora (cris et applaudissement). Icyo rero ngo ni cyo cyatumye barwanashyaka munkundire ndi hafi kurangiza, iryo korosi KAVARUGANDA abasizemo ni ryo ryatumye UWIRINGIYIMANA Agata na TWAGIRAMUNGU alias Rukokoma baracishije make bakavuga bati "duhanze amaso Perezida HABYARIMANA" (cris et applaudissement). HABYARIMANA rero yokabyara yo kavugwa yabagiriye inama nziza ya kibyeyi, yababwiye inzira banyuzamo ingorane bafite nibayikurikize maze ibintu binyure mu nzira nziza Inzego z'ubutegetsi bw'Inzibacyuho yaguye zijyeho.

MRND rero yo yiteguye gufatanya n'abandi, MRND ishyaka ry'ubumwe n'amahoro twiteguye gufatanya n'abandi mu Nzibacyuho nta macenga ariko nta n'uburiganya. Abazaserukira ishyaka ry'ubumwe n'amahoro, ishyaka rifite ingufu n'abarwanashyaka beza kandi benshi twarabashisho... twarabatoranyije mu bushishozi barazwi. Abazaduserekira kandi uretse no mu Rwanda no mu mahanga babaziho ubuhanga n'umurava. Ni yo mpamvu barwanashyaka mfite icyizere kandi nshaka kubizeza k batazadutenguha, ko batazatatira igihango Muvoma iharanira Repubulika demokarasi n'amajyambere ya rubanda yahanye n'Abanyarwanda intego y'ubumwe amahoro n'amajyambere. Ndarangije ndagira ngo mbashimire kandi mbaragize Imana na Perezida HABYARIMANA, murakarama. Murakoze. (cris et applaudissement). (inaudible)

***HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM :***

(arakoroye) (inaudible) ee Byumba Gitarama ee Kibungo hari abantu benshi batwumva bumva iyi Radiyo Radiyo yanyu Radiyo RTLM, banyacyangugu uu nimwumve Ministre wanyu NTAGERURA na we afite icyo yavuze kuri uyu munsi mumwumve rwose.

*Ministre NTAGERURA André :*

Ba militantes, ba militants iyo umuntu abitegereje akabona uko muri muri benshi, akabona uko mukeye, uko mwitonze biramushimisha. Mu izina rya bagenzi banjye ba ministre ba MRND, intumwa zanyu muri Guverinoma nashakaga kubifuriza mwese Umwaka mushya muhire w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane (applaudissements) uzatubere twese abashyigikiye demokarasi, abashyigikiye ubusugire bwa Repubulika, uburyo bwo gushimangira ugutsinda kwacu dutsinda bariya bose bashaka kutuvutsa ibyiza twazaniwe na Révolution ya mirongo itanu n'icyenda. (cris et applaudissement).

Mboneyeho kubashimira mwese ba militantes, ba militants, mu izina rya bagenzi bacu... rya bagenzi banjye mwohereje muri Guverinoma inkunga muta...hwemye kudutera muri iyi myaka ishize ya Leta bise Inzibacyuho. Ibitego muvuga ko bamwe baba baratsinze, ibitego bihesha MRND ishema nibo babikesha, ibitego ni ibyanyu kuko mwakoze uko mushoboye kwose mukabashyigikira ngo ibyo rwose barabibashimiye babikuye ku mutima kandi babasabye ko iyo nkunga ikomeza kuko urugamba rukiri rurerure, urugamba ruracyakomeye. Urugamba ruracyakomeye rero kubera ko nk'uko mubona ibintu byifashe ntabwo twavuga ko igihugu cyacu cyavuye mu kandare cyashyizwemo n'intambara ariko kikaba cyaranashyizwemo cyane cyane n'abagambanyi muzi.

Hari ibintu byinshi bigenda bidutera impungenge : muri iyi minsi ishize mwumvise Umukuru wa Guverinoma, Umukuru wa Leta ya yindi ayobora akomeza gusohora inyandiko nyinshi, akomeza kuvugira kenshi kuri Radiyo ya yindi yagize Radiyo ye. Ayo magambo izo nyandiko nk'uko mubyibuka zatangiye cyane cyane ku itariki ya makumyabiri n'icyenda Ukuboza umwaka ushize. Izo nyandiko icyo zigamije ba militantes, ba militants, ni ukwambura Perezida wa Repubulika ububasha agenerwa n'Itegekonshinga, ububasha agenerwa n'amategeko ariho mu gihugu. Ayo mabaruwa, izo nyandiko, iyo mvugo icyo bigamije ni ukwambura Leta ububasha bwayo ari byo mu gifaransa bita "coup d'Etat politique". Nk'uko rero tutabyihanganiye kuva kera tutihanganiye abantu bashaka gukoresha igitugu kandi bari barabwiye abaturage ko ari cyo barwanya, twarahagurutse! Twarahagurutse ariko dushaka aho tuvugira Radiyo barayifunga. Twarahagurutse turandika ariko rero igishimishije ni uko bigenda bigaragara ko abantu benshi bahumutse. Ibaruwa ya nyuma

twanditse twayohereje ejobundi ku itariki ya cumi na kane y'uku, y'uku... kwezi muri uyu mwaka. Iyo baruwa rero yasinywe na ba ministri bose ba MRND, ariko igishimishije ni uko muri bagenzi bacu, muri Guverinoma Ministre w'Intebe Agata yari yaragerageje kugira ibikoresho bye bamunaniye. (cris et applaudissement). Abo baministri ndabona umwe mu b'imena Perezida wa PL (cris et applaudissement) Yusitini MUGENZI. Iyo baruwa yarayisinye. Madamu Agnès NTAMABYARIRO iyo baruwa yarayisinye (cris et applaudissement). Ministri Gaspard RUHUMURIZA iyo baruwa yayisizeho [sic] umukono (cris et applaudissement).

Ba militantes, ba militants hari uwavuze ubushishozi, ubwenge bwa BIKINDI Mbwira abumva. Uriya Mutegarugori twubaha kuko turi muri Guverinoma ye ayobora yari akwiye kumva akareka gukeka ko ba Ministre ba MRND ngo bananiranye. None se ko n'abandi bagenda batwunganira mu kubona aho ukuri kuri arabigenza ate? Niyemere rero wa muti bavuze awunywe (cris et applaudissement). Muri iyo baruwa twanditse ba militantes ba militants, harimo ibisubizo nshaka kubagezaho mu magambo avunaguye kuko igihe kiri kwisunika. Ariko mbere na mbere ndashaka kubabwira ko twakomeje gushyigikira no kwishimira ibisubizo byaba mu nyandiko byaba mu mvugo Directeur wa Cabinet muri Présidence ya Repubulika yagiye ageza kuri uriya mu... Mutegarugori washakaga mumbabarire ijambo kwikorera Perezida wa Repubulika. Uriya mumilita Enoc RUHIGIRA ndabasaba rwose kudu...mfasha kugira ngo tumuhe amashyi menshi cyane (cris et applaudissements).

***Intervenant :***
Ngiye kumubwira, mubwire aze hano imbere?

***Non identifié :***
Nta kibazo.

***NTAGERURA André :***
Kandi niba ata... niba ankundiye ni umuntu uko ukunda gukora bucece ufite ubwenge buhagije naze hano bamubone.(cris et applaudissement). Bwana RUHIGIRA, komereza aho ntabwo uri wenyine

K0205937



tuzafatanya kugeza igihe abantu bamenyeye koko ko twatsinze. (cris et applaudissement).

Twasabye rero uriya Mutegarugori kumva ko amategeko ariho. Yaratinyutse abwira Umukuru w'igihugu wari umusabye gutumiza Inama ya Leta kugira ngo isuzumane ubwitonzi ibibazo tugezemo aramubwira ngo...ngo "iyo Leta" ngo "ntikiriho", ngo "kuva ku itariki makumyabiri n'icyenda" ngo "iyo Leta yarasezerewe". Twamubajije rero igituma we afata mikoro akavuga ko ari Ministre w'Intebe? (cris et applaudissement). Abivugana ubuhe bubasha? Abivuga aturutse ku ki? Ashingiye ku ki? Ngicyo kibazo twamugejejeho ariko kugeza n'ubu ngira ngo ntazagisubiza kizaba nka cya kindi cy'abanyamakuru bo kuri Radiyo Rwanda. Baramubajije bati "ese ko wavuze ngo ibintu bigomba kugenda bitya kandi ukavuga ko ari Inama ya Leta yabikugejejeho, wayitumiye ryari"? Yabuze icyo asubiza. Ubwo rero a ...

**Fin de la cassette.**